Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburasirazuba
**Akarere ka Kayonza**

**ITANGAZO RIGENEWE ABAFITE IMITUNGO ITIMUKANWA IKODESHWA**

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kayonza burakangurira abafite imitungo itimukanwa ikodeshwa (Inzu z'ubucuruzi, izituwemo, ibibanza, n'indi mitungo) ko buri wese agomba gushyikiriza urwego rushinzwe imisoro rumwegereye **amasezerano y'ubukode yanditse asinyweho n'impande zombi** kandi akiyandikisha ku musoro ku nyungu z'ubukode nk'uko biteganywa n'amategeko.

Ibi bikubiye mu ngingo ya 41 y'Itegeko N° 048/2023 ryo ku wa 05/09/2023 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'i Gihugu zegerejwe abaturage, igena ko:
*"Amasezerano y'ubukode yerekeye umutungo utimukanwa agomba gukorwa mu nyandiko kandi ariho umukono w'impande zombi. Kopi y'ayo masezerano igomba gushyikirizwa urwego rusoresha mu gihe kitarenze iminsi 15 nyuma y'itariki amasezerano yashyiriweho umukono."*

Tuributsa ko kutubahiriza aya mabwiriza bigira ingaruka zirimo ibihano biteganywa n'amategeko.Turasaba buri wese bireba kubahiriza iri tegeko, no kugira uruhare mu igenzura ry'imisoro itangwa ku nyungu z'ubukode.

Mugire amahoro.
Bikorewe i Kayonza, ku wa 15/05/2025

**NYEMAZI John Bosco**
**Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza**